- Kuba hali itegeko lyanditse libagenga (règlement intérieur)
- Iminsi bahuliraho mu ishyirahamwe ntigomba kuba ili munsi y'ibili (2) mu cyumweru.
- Kugaragaza umusaruro cyangwa ibyavuye muli uwo musaruro.
- Kuba harateganijwe uburyo bwo kugulisha ibikorerwa mu ishyirahamwe
- Uko bakorana n'Ubutegetsi bwa Komini n'ubwa Segiteri.

B) Mu buhinzi :

- Ubwoko bw'ibihingwa byitaweho :
  - Ibihingwa ngandura-rugo
  - Ibihingwa ngenga-bukungu
  - Uko bahinga
  - Ubwoko bw'ibihingwa
  - Uko bafumbira
  - Ikimpoteri (Ingarani)
  - Uko bita kubihingwa
  - Uko barwanya isuli : Imilingoti<br>Inzitiro<br>Hatewe ibiti cyangwa ibyatsi.
  - Ibyo beza (-quantité et qualité)
  - Icyo bimaliye akarere...
  - ........................

C) Ubworozi :
- Ubwoko bw'amatungo
- Umubare w'amatungo
- Uko yitaweho
- Araragirwa cyangwa se aba mu biraro.
- Ibiyaturukaho n'uko bikoreshwa
- Icyo bimaliye akarere.

....................

D) Ubukolikoli :
- Ibyo bakora n'uko babikora
- Uburyo bwo gufata neza aho bakorera n'ibikoresho
- Icyo bimaliye akarere....
- Barateganya iki mu gihe kizaza..
- ..............................

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

P.O. [signature] DGSC

guhimba

teri izabohe-

ku byerekeye

wa ni aba bakulikira:

u rwego rwa

bantu 12, ni

i cyiciro mu

datu y'aya

bulyo bukulikira :

Ylirimba ku giti cye

0.000 FRW, iya kabili 20.000 FRW
iya gatatu 15.000 FRW, iya kane 10.000 FRW;

b) Indilimbo ya mbere y'abalirimba mu majwi y'urwunge (chorale) izahembwa 80.000 FRW, iya kabili 60.000 FRW, iya gatatu 40.000 FRW, iya kane 20.000 FRW;

c) Indilimbo ya mbere y'abalirimba bacuranga (orchestre)
izahembwa 80.000 FRW iya kabili 60.000 FRW, iya gatatu 40.000 FRW, iya kane 20.000 FRW.

ebyili: a) Indilimbo izabona igihembo cya mbere muli buli rwego na buli cyiciro ni izaba yabonye amanota angana cyangwa ali hejuru ya mirongo inani ku ijana (80 %). Nihaboneka nyinshi ... je aya manota, zizahembwa hakulikijwe ... zizaba zabonye;

... limbo zizabona ibihembo ni izizaba ... ura amanota ali hagati ya mirongo ... ijana (60 %) na mirongo i...

... utanga ... a muli

Ingingo ya cumi n'enye : Inteko ishinzwe gutanga amanota ifite ububasha buhagije butuma itanga imyanya ku barushanwa. Mbere y'irushanwa, iyo nteko igeza kuli Ministri amategeko agenga imikorere yayo. Ayo mategeko kandi niyo agenga uburyo n'inzira bikulikizwa mu gutanga amanota ku barushanwa.
Imikorere y'inteko ishingira kuli ayo mategeko kandi ikubahiliza n'amabwiliza akubiye muli izi ngingo.

Ingingo ya cumi n'eshanu : Ibyemezo by'inteko igenga irushanwa ntibisubirwaho. Nyamara aliko iyo abarenze icya kabili cy'abagize inteko basanga zimwe muli izi ngingo hamwe n'iz'amategeko agenga imikorere y'inteko zitubahilijwe, bashobora kubimenyesha Ministri akagira icyo abivugaho mbere y'itangwa ly'ibihembo.

Ingingo ya cumi n'esheshatu: Abagize inteko bashobora kwiyandikisha mw'irushanwa aliko ugiye mw'irushanwa ntatanga amanota muli icyo cyiciro agiye kurushanwamo.

Ingingo ya cumi na kalindwi: Nta bujulire abarushanwa bashobora kugira bwerekeranye n'imigendekere y'irushanwa, imitunganyilize yalyo cyangwa ibyemezo bifatwa igihe cy'umwanzuro waryo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 8 Ukwakira 1984.

Ministeri y'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
B.P. 1044 - KIGALI

"""""""""""
" 1985 " UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI HOSE
"""""""""""

AMATEGEKO AZAGENGA IRUSHANWA LY'IMIKINO GAKONDO
YA KINYARWANDA LITEGURA UMWAKA W'URUBYIRUKO KU ISI HOSE.-
=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Ingingo ya Mbere :

Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative iteganije irushanwa lŷ'imikino gakondo ya Kinyarwanda litegura umwaka w'Urubyiruko ku isi hose.

Ingingo ya Kabili :

1. Ilyo rushanwa ligamije kugaragaza no kwamamaza uruhare rw'urubyiruko mu guharanira Gufatanya, Amajyambere n'Amahoro mu gihugu cyacu no ku isi hose.
2. Gukangura urubyiruko, rukarushaho kwiyumvisha no gushyira mu bikorwa izo ntego uko ali eshatu.
3. Ilyo rushanwa ligamije kandi gushyigikira no guteza imbere imikino gakondo ya Kinyarwanda cyane cyane mu rubyiruko.

Ingingo ya Gatatu:

Ilyo rushanwa lizakorwa mu nzego ebyili :

- Muli Komini : lizahuza amatorero y'amasegiteri azatoranywamo cyangwa akuzuzanya akaba aliyo azarushanwa muli Prefegitura.
- Muli Prefegitura: lizahuza amatorero ya za Komini n'ayamashuli yisumbuye n'amakuru.

Ingingo ya Kane :

Amatorero yo mu ma segiteri azaba agizwe n'urubyiruko rutiga, urwo mu mashuli abanza n'agamije amajyambere y'imyuga n'urwo mu bigo by'urubyiruko.

Ingingo ya Gatanu :

Irushanwa lizabera mu makomini lizatangirana n'Ukwakira 1984 lirangirane na Mu[illegible] 1985.

N[illegible] maprefegitura lizatangira taliki cumi n'eshanu 15 Werurwe 1985.

A[illegible]raho muli buli Prefegitura azatangazwa nyuma.

Ingingo [illegible] Gatandatu:

Amatorero yemerewe kuza muli ili rushanwa agomba kuba yujuje ibi bikulikira :

- Abagize itorero lya Komini bagomba kuba bafite imyaka ili hagati y'imyaka 10-24;
- Indilimbo n'imbyino zabo zigomba kuba zihimbwe mu Kinyarwanda;
- Kwemera ko indilimbo n'imbyino z'itorero zitangazwa aliko bitanyuranye n'amategeko agenga uburenganzira bw'umuhimbyi;
- Kutarenza abakinnyi 70.

Ingingo ya Kalindwi:

Amatorero azarushanwa azibanda cyane cyane mu gucukumbura, gushyira ahagaragara no gukina imikino gakondo yakera itangiye kwibagirana; ali mu mbyino, imihamilizo y'intore, ingoma, incurango, amahigi, amahamba, ibyivugo, n'ibindi....

.../...

Ingingo ya Munani :

Nta bihembo biteganijwe ku rwego rwa Komini. Ahubwo hazahembwa amatorero atatu yambere ku rwego rwa Prefegitura.

Ingingo ya Cyenda :

Uretse ibihembo biteganijwe, itorero lizaba lyabaye ilya mbere mu rwego rwa Prefegitura lizahabwa igikombe. Icyo gikombe aliko ntilizacyegukana burundu, ahubwo kizongera gikinirwe mu marushanwa azakulikiraho.

Ingingo ya Cumi :

Abacuranga imperekezambyino, intore cyangwa abakaraza ntabwo bazahabwa amanota ukwabo ahubwo baramutse bakinnye neza bazatuma itorero lyose lishimwa kurushaho.

Ingingo ya Cumi n'imwe :

Inteko ishinzwe gutanga amanota mu rwego rwa Komini ishyirwaho n'ubutegetsi bwa Komini. Naho inteko ishinzwe gutanga amanota mu rwego rwa Prefegitura ishyirwaho na Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative afatanije na Prefe wa Prefegitura.

Ingingo ya Cumi n'ebyili :

- Inteko ishinzwe gutanga amanota mu rwego rwa Prefegitura ifite ububasha buhagije bwo gutanga imyanya y'abarushanwa.
- Mbere y'irushanwa, abagize iyo nteko babanza kumvikana ku bulyo bali buyobore ilyo rushanwa.
- Imikorere y'inteko ishingira kuli ayo mategeko kandi ikubahiliza n'amabwiliza akubiye muli izi ngingo.

Ingingo ya Cumi n'eshatu :

- Ibyemezo by'inteko igenga irushanwa ntibisubirwaho. Nyamara iyo bibili bya gatatu by'abagize inteko basanze zimwe muli izi ngingo hamwe n'izamategeko agenga imikorere y'inteko zitubahilijwe uko bikwiye babimenyesha Prefe.

Ingingo ya Cumi n'enye :

Abagize inteko ntibashobora gukina mu matorero arushanwa cyangwa ngo bahe amanota amatorero ubusanzwe babereye abatoza cyangwa abayobozi.

Ingingo ya Cumi n'eshanu :

Nta bujulire abarushanwa bashobora kugira bwerekeye imigendekere y'irushanwa, imitunganyilize yalyo cyangwa ibyemezo bifatwa igihe cy'umwanzuro.

Bikorewe i Kigali, kuwa 26/11/1984

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

[redacted] RWANDA
MI[redacted]'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI

```
**************
*            *
*    1985    *
*            *
**************
```

: UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI HOSE.

## AMATEGEKO AGENGA IRUSHANWA LY'UBWANDITSI :

- **Ingingo ya mbere** : Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative igiye gukoresha irushanwa ly'Ubwanditsi, mu rwego rwo gutegura no kwizihiza Umwaka w'Urubyiruko kw'isi hose "1985".

- **Ingingo ya kabili** : Ilyo rushanwa ligamije :
  - Guteza umuco nyarwanda imbere.
  - Kongera umutungo w'ibyanditswe mu Kinyarwanda kandi byerekeye urubyiruko.
  - Kwerekana uruhare rw'urubyiruko mu mahoro no mu majyambere y'Igihugu cyacu n'isi yose.
  - Gutoza urubyiruko kwita k'ubwanditsi cyane cyane ubw'urulimi kavukire.
  - Kubwiliza urubyiruko kwita ku majyambere y'igihugu cyacu.

- **Ingingo ya gatatu** : Abazakora ili rushanwa bagomba kuzuza ibi bikulikira :
  - Kwandika mu Kinyarwanda inyandiko bwite kandi italigeze itangazwa mbere y'ili rushanwa.
  - Gutanga inyandiko ivuga urubyiruko kandi inasesengura nibura imwe mu ngorane urubyiruko ruhura nazo n'umuti w'izo ngorane.
  - Kwemera ko inyandiko zahimbiwe ilyo rushanwa zatangazwa aliko bitanyuranye n'amategeko agenga uburenganzira bw'umwanditsi.
  - Kutarenza impapuro mirongo itatu (30) zanditse kuruhande rumwe zibaye zandikishije imashini, kandi zifite ingero zikulikira :
    uburebure Cm 28, ubugali Cm 21.
  - Ntawugomba kandi kujya munsi y'impapuro cumi n'eshanu (15) zifite izo ngero.

.../...

- Ingingo ya Kane : Uzakora ili rushanwa wese afite uburenganzira bwo kwihitiramo ubwoko bw'inyandiko (cyaba igisigo, cyangwa se inyandiko isanzwe) Afite kandi uburenganzira bwo kwandika inyandiko irenze imwe.

- Ingingo ya gatanu : Inyandiko zose zigomba kuba zarageze muli Ministeri bitarenze taliki 30 Werurwe 1985.

- Ingingo ya gatandatu : Hazahembwa inyandiko eshatu za mbere muli buli bwoko bw'inyandiko zizaba zirengeje amanota 60 %. Nta nyandiko zizasubizwa ba nyirazo nyuma y'irushanwa. Ahubwo inziza zizandikwa mu dutabo tuzagezwa kuli rubanda nyamwinshi.

- Ingingo ya kalindwi : Inteko ebyili zikulikira zishyirwaho na Ministri:
  1° - Inteko irobanura
  2° - Inteko itanga amanota.

- Ingingo ya munani : Izo nteko zizakora ku bulyo bukulikira :
  1°) Inteko irobanura niyo izatoranya inyandiko zujuje ibyangombwa biteganywa n'ingingo ya gatatu, hamwe n'ibiteganywa n'ingingo ya gatanu. Inyandiko zizatoranywa kuli ubu bulyo nizo zizashyikilizwa inteko itanga amanota.
  2°) Inteko itanga amanota ifite ububasha buhagije butuma itanga amanota ku barushanwa. Mbere y'itangwa ry'amanota, inteko igeza kuli Ministri amategeko agenga imikorere yayo. Ayo mategeko kandi niyo agenga ubulyo n'inzira bikulikizwa mugutanga amanota kubarushanwa.

- Ingingo ya cyenda : Ibyemezo by'inteko itanga amanota ntibisubirwaho nyamara aliko iyo abarenze bibili bya gatatu (2/3) by'abagize iyo nteko basanze amategeko atubahilijwe, bashobora kubimenyesha Ministri akagira icyo abivugaho mbere y'itangwa ly'ibihembo.

- Ingingo ya cumi : Inteko itanga amanota igizwe n'abantu 15. Uwo mubare ushobora kwongerwa bitewe n'ubwinshi bw'inyandiko zizoherezwa.

.../...

- <u>Ingingo ya cumi n'imwe</u> : Igihe bigaragaye ko hali abagize inteko itanga amanota bohereje inyandiko zabo mw'irushanwa, Ministri afata icyemezo cyo kubasimbuza abandi muli iyo nteko.

- <u>Ingingo ya cumi n'ebyili</u>: Nta bujulire abarushanwa bashobora kugira bwerekeye imitunganyilize y'irushanwa cyangwa ibyemezo bifatwa igihe cy'umwanzuro.

Bikorewe i Kigali kuwa 29/11/1984
Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.
P. [illegible]
DGSL

/NK.J.B/NGW.D/

REPUBLIQUE RWANDAISE

24 JAN. 1985

Kigali, le ..........................................

No 0309 /15.08.04

Aff EXT
24-01-85
1786/15.08.

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Monsieur l'Ambassadeur de la
République Rwandaise à TOKYO
J A P O N

S/C de et C.P.I.à Monsieur le
Ministre des Affaires Etrangères
et de la Coopération
K I G A L I

Réf. No :

Annexe :

Objet : Démarches pour faire inviter le Ballet National au Japon.

Monsieur l'Ambassadeur,

Faisant suite à votre lettre nº 295/16.11.20/D14 du 26 décembre 1984 relative à l'objet repris en marge, j'ai l'honneur de vous remercier pour les efforts que vous fournissez en vue de faire inviter notre Ballet pour une tournée au Japon, ce qui cadre avec la politique de la IIème République d'ouverture du Rwanda à l'extérieur. Je vous demande de continuer à oeuvrer dans la mesure du possible pour un aboutissement positif de ce dossier.

S'agissant des renseignements que vous demandez, j'ai le plaisir de vous les transmettre ci-après :

1-a/ période prévue pour la tournée éventuelle du Ballet au Japon :

La tournée devrait en principe avoir lieu au cours du printemps qui est la meilleure saison au point de vue climatique.

Les dates précises seraient proposées par vous même en fonction du calendrier prévu pour les représentations.

1-b/ La tournée du ballet au Japon serait programmée pour une durée de 15 jours maximum.

.../...

2/ Nous avons actuellement 3 cassettes-vidéo sur le Ballet National mais qui ne sont pas mises en circulation. Nous vous les transmettons pour multiplication de sorte que vous gardiez les copies qui vous intéressent tandis que les originaux et le reste des copies nous seront retournés. Il nous est en effet extrêmement difficile d'effectuer ici sur place cette opération de multiplication. Par ailleurs, nous disposons d'un lot important de photos prises lors du séjour du Ballet en Allemagne et en Belgique dont nous vous envoyons quelques exemplaires.

3-4/ La tournée au Japon serait située dans le cadre des échanges culturels entre nos 2 pays. Comme cela s'est toujours fait au cours des déplacements du Ballet, le Pays Hôte se charge de toutes les dépenses (frais de transport, de logement et de restaurant, argent de poche) et garde toutes les recettes réalisées au cours des spectacles.

5/ En général le poids des équipements et costumes de représentation varie autour de 800 kilos. On peut aller cependant au dessus ou en dessous de ce poids suivant les conventions préalables à tenir entre les 2 Parties.

6-a/ Le Ballet National donne habituellement ses représentations en salles fermées (genre salles de théâtre) où les artistes évoluent sur une scène de théâtre classique ou encore dite "italienne" avec coulisses et rideaux et possibilités de décor à l'arrière-scène. Les dimensions idéales de la scène proposées (prises sur la scène au Centre d'Echanges Culturels Franco-Rwandais de Kigali) sont à peu-près de 17 à 20 m de longueur (ligne - front de la scène parallèle aux rangées de chaises du public), de 6 à 10 m de profondeur (du front à l'arrière de la scène), et de 13 à 15 m de hauteur.

6-b/ La troupe du ballet en déplacement à l'Etranger se compose habituellement de 50 personnes officiels compris (46 artistes et 4 officiels). Par suite des contraintes budgétaires cependant, ce chiffre peut être ramené à 45 (41 artistes et 4 officiels). Un chiffre aussi élevé se justifie par la nécessité pour le Ballet de présenter des spectacles complets où figurent les principaux numéros du Folklore Rwandais.

.../...

/M.Fr./NGW.D/

REPUBLIQUE RWANDAISE

23 JAN. 1985

Kigali, le ..............................................

Aff EXT.
24-01-85
1785/15.08.

No 0295 /15.08.03

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à ABIDJAN

S/C de Monsieur le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération

**K I G A L I**

Réf. No :

Annexe :

Objet : Coopération Rwando-Sénégalaise.

Monsieur l'Ambassadeur,

Référence faite à votre lettre n° 213/16.11.19/a.7 du 22 Mai 1984 adressée au Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération et dont la copie m'a été réservée, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance que le Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Coopératif est particulièrement intéressé par des échanges de manifestations sportives et culturelles (Ballets et orchestres de nos deux pays) ainsi que par la formation de cadres de son personnel aux Instituts spécialisés de ce pays ami.

Au sujet des échanges culturels, il y a lieu de constater que, du côté du Gouvernement Rwandais, vu les difficultés dues à la conjoncture économique nationale, la sortie de nos groupes artistiques au Sénégal serait réalisée grâce à un financement de l'aide extérieure des pays amis ou organismes tiers.

Par ailleurs, étant donné que le Sénégal n'est pas en mesure de couvrir les frais relatifs à la formation envisagée, je vous demanderais de bien vouloir me faire parvenir le contenu de la formation dispensée dans ses établissements afin que mes services concernés puissent prendre les dispositions nécessaires en vue d'entamer des négociations auprès des bailleurs de fonds éventuels.

.../...

Veuillez agréer, Monsieur l'Ambassadeur, l'assurance de ma haute considération.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

C.P.I.à:

- Son Excellence Monsieur
  le Président de la
  République Rwandaise
  KIGALI
- Monsieur le Ministre de l'Enseignement Supérieur et de la
  Recherche Scientifique
  KIGALI
- Monsieur le Ministre des Finances
  et de l'Economie
  KIGALI.